# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

UKWAKIRA 2024

## MU KARERE HABAYE IBIGANIRO BY'IHURIRO RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA BY'ABANYARWANDA




SOMA PAJI YA 2

SOMA PAJI YA 11

## ABADEPITE BAGIRIYE URUZINDIKO MU KARERE, BASURA IBIKORWA BY'UBUHINZI BITANDUKANYE



SOMA PAJI YA 6-7

## UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMUGORE WO MU CYARO WIZIHIJWE ABAGIZE UMURYANGO BASABWA UBUFATANYE





SOMA PAJI YA 9

## ABAYOBOZI B'IBIGO BY'AMASHURI BYO MU KARERE BASABWE KUNOZA IREME RY'UBUREZI

# MU KARERE HABAYE IBIGANIRO BY'IHURIRO RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA BY'ABANYARWANDA




***Abagize Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Karere barateranye***

Ku wa 23 Ukwakira 2024, mu Karere habereye ibiganiro by'Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa ku rwego rw'Akarere byari bifite insanganyamatsiko igira iti: "Indangagaciro na Kirazira: Isôoko y'Ubumwe n'Ubudaheranwa by'Abanyarwanda" biyoborwa na Ambasaderi Edda MUKABAGWIZA wari Umushyitsi Mukuru akaba n'intumwa ya Unity Club Intwararumuri.

Ku ruhande rw'Akarere, ibi biganiro byitabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO; Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI; Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage uri no mu batanze ikiganiro; Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere; abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere n'abandi.

Ambasaderi Edda MUKABAGWIZA yavuze ko Ubumwe bw'Abanyarwanda ari ubuzima bwacu bwa buri munsi bityo tugomba gukomeza kubusigasira tuburinda icyabuhungabanya.

Yasabye kandi buri wese kurwanya uwo ari we wese wagerageza kongera kubiba amacakubiri mu Banyarwanda.




***Ambasaderi MUKABAGWIZA yasabye buri wese kurwanya uwagerageza guhungabanya ubumwe bw'Abanyarwanda***

Buri mwaka ukwezi k'Ukwakira, ni ukwezi kwahariwe ibikorwa by'Ubumwe n'Ubudaheranwa nk'isoko-muzi Abanyarwanda basangiye.

Muri uku kwezi hatangwa ibiganiro by'Isanamitima na Ndi Umunyarwanda mu byiciro binyuranye birimo abaturage, abanyeshuri bari mu bigo by'amashuri, urubyiruko n'abakangurambaga b'Ubumwe n'Ubudaheranwa.



***Ambasaderi KAREGA na Honorable HABYARIMANA mu bitabiriye ibiganiro by'Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Karere***

# UMUNSI MPUZAMAHANGA W'ABAGEZE MU ZABUKURU WIZIHIJWE BASHIMA UBUYOBOZI BW'IGIHUGU



***Visi Meya UWAMARIYA mu Munsi Mpuzamahanga w'abageze mu Zabukuru***

Ku wa 01 Ukwakira 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Kamegeri, mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'abageze mu Zabukuru ku rwego rw'Akarere.

Uyu munsi wari ufite insanganyamatsiko igira iti:"Amasaziro meza, ishema ry'abageze mu zabukuru" waranzwe n'ibikorwa bitandukanye birimo kuremera umwe mu bageze mu zabukuru.

Visi Meya UWAMARIYA yabwiye abageze mu zabukuru ko igihugu kibaha agaciro gakomeye.

Yavuze ko Leta yabashyiriyeho gahunda zitandukanye zibafasha gusaza neza zirimo inkunga y'ingoboka, aho abatishoboye bageze mu zabukuru buri kwezi bahabwa amafaranga abafasha mu mibereho yabo ya buri munsi n'izindi.

Abageze mu zabukuru bavuze ko bumva batewe ishema n'uko igihugu kiyobowe bitandukanye n'uko cyari kiyobowe mu mabyiruka yabo.

Umwe muri bo yaragize ati: "Turashimira ubuyobozi bukuru bw'iguhugu bwaciye ivangura mu banyarwanda. Urugero nko mu burezi, abana ntibakivangurwa ubu bariga ku buryo bumwe, bakabona imirimo ku buryo bumwe. Ku mashuri bararya bimwe, bakambara bimwe, abatsinze amanota akagaragara n'abatishoboye bagafashwa, mu gihe mbere amanota atagaragazwaga, uretse mu bapadiri gusa. Abandi bo bahabwaga impapuro zibabwira niba bemerewe n'aho bazajya kwiga nta kumenya amanota umwana yagize. Rwose dutewe ishema no kuba dusaziye mu gihugu gifite amahoro kandi kiduha agaciro".




***Umwe mu bageze mu zabukuru yagabiwe inka***

Umunsi Mpuzamahanga w'abageze mu Zabukuru, wizihizwa buri mwaka ku itariki ya 01 Ukwakira.

# ABAGABO N’ABAHUNGU BAKANGURIWE GUTEZA IMBERE IHAME RY’UBURINGANIRE N’UBWUZUZANYE



*Abagabo n’abahungu basabwe guteza imbere ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye*

Ku wa 11 Ukwakira 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yasoje amahugurwa ku kumenyekanisha ingamba z’igihugu zo gukangurira abagabo n’abahungu guteza imbere ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye yaberaga mu Karere.

Amahugurwa yibanze ku gusobanura ihame ry'uburinganire, imbogamizi zikomoka ku muco zituma ritagerwaho neza n'uburyo zavanwaho.

Hambere umugabo yari umutware w’umuryango mu gihe umugore yafatwaga nk’umucakara ukora ibyo ategetswe n’umugabo. Umugore yasabwaga kumvira no kubaha umugabo we muri byose n’igihe cyose. Ntiyashoboraga kumuvuguruza, kabone n’iyo yabonaga ko umugabo we atanze itegeko ridafututse. Babinogerezaga bavuga bati: “Amafuti y’umugabo ni bwo buryo bwe.” Mbese, umugore nta jambo yahabwaga mu rugo. Agaciro ke kahagaririaga gusa ku kubyara. Nyamara wakwitegereza ugasanga afatiye runini abagize umuryango.

Kudasangira ibitekerezo hagati y’umugabo n’umugore no kuniganwa ijambo byabaye akarande igihe kirekire. Abana bavutse bakabikuriramo, bakabifata batyo.

Uko iminsi yagiye isimburana, iyo myumvire yagiye ihinduka buhoro buhoro. Abantu babona ko ari ngombwa ko abagore na bo bahabwa ijambo, bakagira uruhare mu iterambere ry’umuryango. Ubuyobozi na bwo bwungamo, bushyiraho amategeko aha abantu bose amahirwe n’uburenganzira bingana mu bikorwa biteza imbere ingo n’igihugu. Uku guha umugore ijambo agafatanya n’umugabo we kwatumye haba ubwisanzure mu bashakanye, maze akarengane kimukira uburinganire n’ubwuzuzanye mu muryango.

Iyo utereye akajisho mu muryango iwacu usanga umugore yararenganuwe. Yahawe amahirwe angana n’ay’umugabo, ntiyakomeza guhezwa mu iterambere ry’urugo rwe.



*Visi Meya UWAMARIYA ni we wasoje aya mahugurwa*

# IGITONDO CY'ISUKU CYAHUJWE NO GUTANGIZA UKWEZI KWAHARIWE ISUKU MU BIGO BY'AMASHURI



***Visi Meya UWAMARIYA mu Gitondo cy'Isuku***

Ku wa 08 Ukwakira 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yakoreye Igitondo cy'Isuku mu ishuri rya GS Ngororero riherereye mu Murenge wa Tare.

Nyuma y'umuganda, Visi Meya UWAMARIYA yasabye abanyeshuri bo muri iki shuri kurangwa n'isuku aho bari hose.

By'umwihariko yabasabye kwirinda indwara y'umuriro ukabije izwi nka Marburg n'iy'Ubushita bw'Inkende (Mpox) barushaho kugira isuku no kwirinda gukoranaho.

Muri iri shuri kandi ni ho hatangirijwe ubukangurambaga bw'isuku mu bigo by'amashuri ku rwego rw'Akarere.

Gahunda y'Igitondo cy'Isuku, ni gahunda yashyizweho n'Intara y'Amajyepfo.

Iba buri wa Kabiri, igakorwa isaha imwe guhera saa moya za mu gitondo.

Abaturage n'abayobozi bo mu ngeri zitandukanye bahurira ahantu hamwe bagakora isuku by'umwihariko ahahurira abantu benshi nko muri santeri z'ubucuruzi, mu bigo by'ubuvuzi, mu midugudu y'icyitegererezo, mu bigo by'amashuri n'ahandi.



***Visi Meya UWAMARIYA yasabye abanyeshuri kurangwa n'isuku igihe cyose***

## UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMUGORE WO MU CYARO WIZIHIJWE ABAGIZE UMURYANGO BASABWA UBUFATANYE



***Honorable UWIMANA yifatanyije mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro***

Ku wa 15 Ukwakira 2024, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Honorable UWIMANA Consolée yifatanyije n'abaturage b'Akarere by'umwihariko ab'Umurenge wa Gatare, mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro ku rwego rw'igihugu wari ufite insanganyamatsiko igira iti:"Ibidukikije, Ubuzima bwacu."

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko uyu munsi ari uwo kwishimira ibyagezweho mu Karere bishyigikira umugore wo mu cyaro mu kumuha ubushobozi bwo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere kandi arengera ibidukikije.

Yasabye abagabo gufatanya n'abagore babo mu mirimo kandi bagashyigikira ko umugore atera imbere.

Yaragize ati: "Bagabo mufatanye n'abagore banyu mu mirimo kandi mubashyigikire batere imbere kuko iyo umugore ateye imbere n'umuryango uba uteye imbere."

Yasabye kandi buri wese kurwanya amakimbirane yo mu muryango; ubuharike n'ubushoreke kuko bigira ingaruka mbi ku bana no ku muryango muri rusange.

By'umwihariko yasabye abagore kwitabira amasomo mu ishuri ryigisha ibijyanye n'ubuhinzi bugezweho riherereye muri uyu Murenge.



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye abagabo gufatanya n'abagore babo mu mirimo***

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Honorable UWIMANA Consolée yavuze ko kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro ari umwanya wo gutekereza ku gaciro k'umugore wo mu cyaro; imbogamizi ahura nazo n'uko zavanwaho.



***Honorable UWIMANA mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro***

By'umwihariko yasabye buri wese kurwanya amakimbirane yo mu miryango; ubuharike n'ubushoreke.

Mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu Cyaro, abagore bo mu Murenge wa Gatare beretse abashyitsi ibyo bakora mu rwego rwo kwiteza imbere.

Kuri uyu munsi imiryango 5 yahawe inka; imiryango 70 ihabwa amashyiga arondereza ibicanwa; imiryango 50 ihabwa ibigega bifata amazi mu gihe amatsinda 38 agizwe n'abagabo 171 n'abagore 969 yahawe miliyoni 20 z'amafaranga y'u Rwanda azabafasha gukomeza kwiteza imbere.



***Abagore bo mu Gatare berekanye ibyo bakora mu rwego rwo kwiteza imbere***



***Amatsinda y'abagore yatewe inkunga ya miliyoni 20***



***Imwe mu miryango yagabiwe inka***

# ABABYEYI BASABWE GUHESHA ABANA BABO INKINGO ZOSE BAGENEWE



***Visi Meya UWAMARIYA mu bukangurambaga bw'inkingo***

Ku wa 18 Ukwakira 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye ubukangurambaga bwari bugamije gukangurira ababyeyi gukingiza abana inkingo zose mu mwaka wa 2024-2025 bwabereye mu Murenge wa Musebeya.

Ubu bukangurambaga bwateguwe ku bufatanye bw'Akarere n'Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima, RBC.

Visi Meya UWAMARIYA yasabye ababyeyi kujya bitabira gahunda yo gukingiza abana babo kuko bibarinda indwara bagakura bafite ubuzima bwiza.

Muri ubu bukangurambaga bwifashishijwemo abakinnyi b'ikinamico Umurage, ababyeyi basabwe kandi kwitabira n'izindi gahunda zose z'ubuzima zitangirwa kwa muganga mu rwego rwo kurushaho kwita ku buzima bw'umwana.

Inzego z'ubuzima zivuga ko iyo umuntu yafashe inkingo zose asabwa bituma agumana ubuzima buzira umuze ndetse bikarinda ba bandi bafite ibyago byinshi byo kwandura ibyorezo no guhitanwa nabyo.



***Abakinnyi b'ikinamico Umurage barifashishijwe muri ubu bukangurambaga***

## ABAYOBOZI B'IBIGO BY'AMASHURI BYO MU KARERE BASABWE KUNOZA IREME RY'UBUREZI



*Abayobozi b'ibigo by'amashuri mu nama n'ubuyobozi bw'Akarere*

Ku wa 21 Ukwakira 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere yayoboye inama nyunguranabitekerezo y'uburezi yarebeye hamwe uko uburezi buhagaze mu Karere n'icyakorwa kugira ngo burusheho gutera imbere.



*Meya NIYOMWUNGERI yasabye abayobozi b'ibigo by'amashuri kutadohoka ku ireme ry'uburezi*

Kuva mu myaka 3 ishize, Akarere kibanze ku guteza imbere umuco wo gusoma mu bana abarimu babigizemo uruhare. Abarimu bashishikarije abanyeshuri kugira akamenyero ko gusoma ibitabo, kandi buri mwarimu yasabwaga gutanga raporo ku Karere buri munsi na buri cyumweru y'ibitabo byatiwe n'abanyeshuri.

Iyi gahunda yatanze umusaruro ugaragara, urenze uwari uteganijwe. Igipimo cy'imitsindire mu bizamini bya Leta cyarenze icyo mu myaka itatu yabanje.

Akarere kandi kagaragaje ubudashyikirwa mu mitsindire cyane cyane mu bumenyi rusange, aho abanyeshuri bitwaye neza kurusha abandi mu gihugu bakomoka mu Karere ka Nyamagabe. Byongeye kandi, abandi banyeshuri babiri bo mu Karere ka Nyamagabe bashyizwe muri 15 ba mbere mu gihugu hose. Ku rwego rw'amashuri, Petit Seminaire Saint Jean Paul II yabonye umwanya wa kabiri ku rutonde rw'abarangije ikiciro rusange n'umwanya wa kane ku rutonde rw'amashuri yisumbuye. Ishuri ryisumbuye rya Tekinike rya Uwinkingi (Uwinkingi TSS) ryegukanye umwanya wa mbere mu mashuri ya Tekiniki adacumbikira abanyeshuri mu gihugu hose, mu gihe Groupe Scolaire Notre Dame de la Paix Cyanika ryegukanye umwanya wa gatatu ku rutonde rw'amashuri yisumbuye ya Tekiniki muri rusange mu gihugu hose.

## BAMWE MU BAKOZI B'AKARERE BAHAWE IKIGANIRO KU KUBUNGABUNGA UBUZIMA BWO MU MUTWE MU KAZI



***Abakozi bahawe ikiganiro ku kwita ku buzima bwo mu mutwe aho bakorera***

Ku wa 24 Ukwakira 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye ikiganiro ku kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe mu kazi cyahawe bamwe mu bakozi b'Akarere.

Iki kiganiro cyateguwe ku bufatanye bw'Akarere na ARCT RUHUKA hamwe na TROCAIRE cyari gifite insanganyamatsiko igira iti: "TWITE KU BUZIMA BWO MU MUTWE AHO DUKORERA. Ubuzima bwiza bwo mu mutwe, ni isoko y'umusaruro tubusigasire."

Inzobere mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe zivuga ko gukora imyitozo ngororamubiri, kunywa amazi bihagije, kugira umwanya wo kuruhuka no gusabana n'abandi, kwisuzumisha indwara bihoraho, kwirinda amakimbirane, kwirinda gukoresha ibiyobyabwenge n'inzoga nyinshi biri mu bifasha gusigasira ubuzima bwo mu mutwe.



***Visi Meya UWAMARIYA mu mwitozo ngiro wo kubungabunga ubuzima bwo mu mutwe***

## ABADEPITE BAGIRIYE URUZINDIKO MU KARERE, BASURA IBIKORWA BY'UBUHINZI BITANDUKANYE



***Meya NIYOMWUNGERI asobanurira Abadepite aho ibibazo babajijwe bigeze bikemuka n'uko igihembwe cy'ihinga 2025A kiri gushyirwa mu bikorwa***

Ku wa 24 Ukwakira 2024, itsinda ry'Abadepite ryari riyobowe na Honorable Veneranda UWAMARIYA ryatangiye uruzinduko rw'iminsi 3 mu Karere.

Kuri uyu munsi ryagiranye ibiganiro n'ubuyobozi bw'Akarere byibanze ku ishusho y'aho ibibazo abaturage bashyikirije Abadepite ubwo basuraga Akarere mu bihe byabanje bigeze bikemuka, uko igihembwe cy'ihinga 2025A cyateguwe n'uko kiri gushyirwa mu bikorwa n'ibindi.

Ibi biganiro byitabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO; Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI; abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere; Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge; Abayobozi b'Amashami mu Karere, abacuruzi b'inyongeramusaruro na bamwe mu bafatanyabikorwa b'Akarere mu buhinzi.

Ku wa 25 Ukwakira 2024, Honorable Veneranda UWAMARIYA ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI basuye Umurenge wa Buruhukiro mu rwego rwo kureba uko igihembwe cy'ihinga 2025A kiri gushyirwa mu bikorwa n'aho ibibazo abaturage babashyikirije bigeze bikemuka.

Basuye umucuruzi w'inyongeramusaruro; imirwanyasuri; ubutaka buhujwe; ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi by'abahinzi n'aborozi banini n'ibindi.

Itsinda ryari rigizwe na Honorable KAYITESI Sarah na Honorable ICYITEGETSE Vénuste bo basuye ubutaka buhuje buhinzeho ibirayi n'ubuhinzeho ibigori; amaterasi; umuhinzi ntangarugero; pepiniyeri y'ibiti bitandukanye n'ibindi.

Ibi byose biherereye mu Murenge wa Buruhukiro.



***Mu Gatare, basuye Greenhouse y'umutubuzi w'imbuto y'ibirayi***

Muri iyi Mirenge yombi, Abadepite bagiranye ibiganiro na Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge, abakozi b'Imirenge, abajyanama b'ubuhinzi, abagize inzego z'umutekano n'abafashamyumvire mu buhinzi.

# KIBUMBWE- ABADEPITE BIFATANYIJE N'ABATURAGE MU MUGANDA RUSANGE WIBANZE KU GUTERA IBITI BIVANGWA N'IMYAKA



***Honorable UWAMARIYA mu Muganda Rusange wibanze ku gutera ibiti bivangwa n'imyaka***

Ku wa 26 Ukwakira 2024, itsinda ry'Abadepite ryari rigizwe na Honorable UWAMARIYA Veneranda wari umuyobozi waryo; Honorable KAYITESI Sarah na Honorable ICYITEGETSE Vénuste ryifatanyije n'ubuyobozi bw'Akarere; Ingabo; Polisi n'abaturage b'Umurenge wa Kibumbwe, mu Muganda Rusange usoza ukwezi k'Ukwakira 2024.

Muri uyu Muganda, bateye ibiti bivangwa n'imyaka bisaga 700 mu mirima yo mu Mudugudu wa Rwezamenyo, mu Kagari ka Kibibi.



***Umuganda Rusange usoza ukwezi k'Ukwakira 2024 waranzwe no gutera ibiti bivangwa n'imyaka***

Nyuma y'umuganda, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'Umurenge wa Kibumbwe kwizigamira ahashoboka hose nko mu bimina; muri Ejo Heza; mu bigo by'imari n'ahandi mu rwego rwo kuzagira amasaziro meza.

Yabasabye kandi kwirinda indwara ya Malaria, icyorezo cy'Umuriro ukabije (Marburg) n'icy'Ubushita bw'Inkende (Mpox) barushaho kugira isuku.

Abadepite basabye abaturage b'Umurenge wa Kibumbwe gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere; gushyira amatungo n'ibihingwa mu bwishingizi; kugira isuku no kwita ku burere bw'abana. Babasabye kandi kwirinda amakimbirane mu miryango; ubusinzi n'ibibaca intege.



***Abadepite basabye abaturage gukora cyane***

Bafatanyije n'ubuyobozi bw'Akarere n'ubw'Umurenge, Abadepite bakiriye ibibazo by'abaturage binahabwa umurongo.

Basoje urugendo rw'akazi rw'iminsi 3 bagiriraga mu Karere, basura imihanda itari nyabagendwa bizeza abaturage n'ubuyobozi bw'Akarere ko bagiye gukora ubuvugizi igatunganywa.

## UMUYOBOZI W'AKARERE YIBUKIJE ABAGIZE URWEGO RWA DASSO KO BAGOMBA GUSHYIRA IMBERE UMUTURAGE



***Umuyobozi w'Akarere yagiranye inama n'aba DASSO***

Ku wa 29 Ukwakira 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yagiranye ibiganiro n'abakozi b'urwego rwunganira Akarere mu gucunga umutekano bazwi nka DASSO bo kuva ku rwego rw'Umurenge kugeza ku rw'Akarere.

Ibiganiro bagiranye byibanze ku mikorere y'uru rwego n'ibikwiriye kunozwa kugira ngo akazi kabo karusheho kugenda neza.

Abagize urwego rwa DASSO mu Karere babanje gusobanurirwa imyitwarire mbonezamurimo y'abagize uru rwego, banibutswa inshingano zabo za buri munsi.



***Aba DASSO bibukijwe inshingano zabo***

Meya NIYOMWUNGERI yashimiye aba DASSO ku bw'ubwitange bagaragaza mu kazi kabo ko kunganira Akarere mu gucunga umutekano.

Yabasabye gushyira umuturage ku isonga birinda ruswa; ubusinzi n'ibindi byose byabangiriza izina.



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye aba DASSO gushyira umuturage ku isonga***

Abagize uru rwego bagejeje ku buyobozi bw'Akarere zimwe mu mbogamizi bahura nazo zigatuma batuzuza inshingano zabo uko bikwiye, ubuyobozi bw'Akarere bubizeza ko bugiye kuzikuraho.

Urwego rwa DASSO rwasimbuye urwari Local Defence muri 2014, aho icyiciro cya mbere cy'abagize DASSO cyarangije gutorezwa mu Ishuri rya Polisi i Gishari, ku itariki ya 22 Kanama 2014, mu mahugurwa yamaze amezi atatu.

Akarere ka Nyamagabe gafite abakozi b'urwego rwunganira Akarere mu gucunga umutekano bazwi nka DASSO bagera ku 121.

Bakorera kuva ku rwego rw'Akarere kugera ku rwego rw'Umurenge.

# UMURENGE WA TARE WABONYE UMUYOBOZI MUSHYA NYUMA YUKO UWAWUYOBORAGA AGIYE MU KIRUHUKO CY'IZABUKURU



***Gitifu SAMVURA mu muhango wo guhererekanya ububasha hagati ya Gitifu mushya wa Tare n'uwo yasimbuye***

Ku wa 09 Ukwakira 2024, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Bwana SAMVURA Valens yayoboye umuhango wo guhererekanya ububasha hagati ya Bwana NAMBAJIMANA Marien wayoboraga by'agateganyo Umurenge wa Tare na Madame AYINKAMIYE Donatha, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wawo mushya.

Muri Nzeri 2024, ni bwo Bwana MUDAHUNGA Callixte wari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Tare yagiye mu kiruhuko cy'izabukuru.



***Bwana NAMBAJIMANA na Madame AYINKAMIYE bahererekanya ububasha***

Umurenge wahise uyoborwa by'agateganyo na Bwana NAMBAJIMANA Marien.

Nyuma y'iminsi mike awuyobora, abagize Komite Nyobozi y'Akarere bemeje bidasubirwaho ko Madame AYINKAMIYE Donatha wari Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima mu Karere ari we ubaye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Tare.

Gitifu SAMVURA yashimiye Bwana NAMBAJIMANA wayoboraga uyu Murenge by'agateganyo ku bw'ubwitange n'umurava yagaragaje.

Yaboneyeho umwanya wo guha ikaze Madame AYINKAMIYE wamusimbuye, anamwifuriza imirimo myiza.



***Gitifu SAMVURA ashimira abahererekanyije ububasha***

Akarere ka Nyamagabe kagizwe n'Imirenge 17.

Umurenge umwe gusa ari wo wa Tare, ni wo wonyine uyoborwa n'umugore.

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**